

ISHAMI RY'UBUCAMANZA RYA MAINE

IMENYESHA RYEREKEYE AMAFARANGA YO MU MANZA ZO KURINDWA IHOHOTERWA NO KURINDWA ITOTETZWA

Urega yatanze ikirego cyo Kurindwa Ihohoterwa, cyangwa ikirego cyo Kurindwa Itotetzwa kirimo ibirego by'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa hagati y'abarambagizanya, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, cyangwa gukurikira umuntu mu buryo butemewe n'amategeko. Nta mafaranga y'ubwoko ubwo ari bwo bwose ashobora gucibwa urega afitanye isano n'iki kibazo.

Hakurikijwe ingingo zihariye z'Itegeko ry'igihugu ryo Kongera Kwemeza Ihohoterwa Rikorerwa Abagore, nta leta, akarere, cyangwa urwego rw'ibanze rwa guverinoma rwemerewe kwishyura uwahohotewe amafaranga ayo ari yo yose "afitanye isano no gutanga, gusohora, kwandikisha, guhindura, gushyira mu bikorwa, gusesa, gukuraho cyangwa gushyikirizwa icyemezo cyo kurindwa, cyangwa ubusabe bw'icyemezo cyo kurindwa, hagamijwe kurinda uwakorewe ihohoterwa ryo mu ngo, gukurikirana mu buryo butemewe n'amategeko, cyangwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina." **34 U.S.C. § 10450(a)(1)** (reba amagambo avugwa hepfo).

Uramutse hari ibibazo cyangwa impungenge ufite byerekeye iri Menyesha, vugisha ibiro by'Ibikorwa by'Urukiko kuri (207) 213-2850.

34 U.S.C. § 10450. Amafaranga ajyanye n'imanza nshinjabyaha n'ibyemezo byo kurinda

(a) Muri rusange. Ubuyobozi bwa Leta, ubutegetsi bw'ubwoko bw'Abahindi, cyangwa urwego rw'ubuyobozi bw'ibanze, ntabwo bwemerewe guhabwa amafaranga hakurikijwe aka gace uretse gusa igihe ubuyobozi bwa Leta, ubutegetsi bw'ubwoko bw'Abahindi, cyangwa urwego rw'ubuyobozi bw'ibanze— bwemeza ko

(1) amategeko yabwo, politiki, n'imikorere yabwo ntibisaba, bifatanye isano no gukurikirana icyaha icyo ari cyo cyose cy'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, ihohoterwa hagati y'abarambagizanya, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, cyangwa gukurikira umuntu mu buryo butemewe n'amategeko, cyangwa gifatanye isano no gutanga, gusohora, kwandikisha, guhindura, gushyira mu bikorwa, gusesa, gukuraho cyangwa gushyikirizwa icyemezo cyo kurindwa, cyangwa ubusabe bw'icyemezo cyo kurindwa, hagamijwe kurinda uwakorewe ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa hagati y'abarambagizanya, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, cyangwa gukurikirana mu buryo butemewe n'amategeko, ko uwahohotewe yakwishyura amafaranga ajyanye no gutanga ibirego by'inshinjabyaha ku wakoze icyaha, cyangwa amafaranga afatanye isano no gutanga, gusohora, kwandikisha, guhindura, gushyira mu bikorwa, gusesa, gukuraho cyangwa gushyikiriza urupapuro rwo guta muri yombi, icyemezo cyo kurindwa, ubusabe bw'icyemezo cyo kurindwa, cyangwa ihamagazwa ry'umutangabuhamya, byaba byatangiwe imbere cyangwa hanzu y'ububasha bw'iyi Leta, ubwoko, cyangwa urwego rw'ibanze; cyangwa

(2) bugaha Intumwa Nkuru ya Leta icyizere ko amategeko, politiki n'imikorere byabwo byubahiriza ibisabwa mu gika cya (1) bitarenze igihe kizaza nyuma hagati ya—

(A) igihe kirangira ku itariki inama itaha y'Inteko Ishinga Amategeko izarangiriraho; cyangwa

(B) Imyaka 2 nyuma y'itariki ya 28 Ukwakira, 2000.

(b) Kongera Kugabanya Amafaranga. Amafaranga yafatiriwe na Leta, urwego rw'ibanze, cyangwa ubuyobozi bw'ubwoko bw'Abahindi hakurikijwe agace (a) agabanywa izindi Leta, inzego z'ibanze, cyangwa ubuyobozi bw'ubwoko bw'Abahindi hakurikijwe umugabane wa buri rwego.

(c) Igisobanuro. Muri iki gice, imvugo "icyemezo cyo kurindwa" ifite igisobanuro gitwangwa ku mvugo iri mu gice cya 2266 cy'umutwe wa 18 [w'Amategeko ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika].

Itangazo rya ADA: Ishami ry'Ubucamanza rya Maine ryubahiriza Itegeko ry'Abanyamerika bafite Ubumuga (Americans with Disabilities Act, ADA). Niba ukeneye ubufasha cyangwa koroherezwa, vugisha Umuhuzabikorwa ushinze Uburenganzira bwo Kugera kuri Serivisi z'Urukiko, accessibility@courts.maine.gov, cyangwa umwanditsi w'urukiko.

Serivisi z'Urukiko: Niba ukeneye ubufasha bw'urukiko cyangwa umusemuzi, vugisha umukozi w'urukiko cyangwa interpreters@courts.maine.gov.